Mukakarangwa Marie Francine

- Ikinamica

1865

MD
25P

IKINAMICO

KANGUKA UVE MU BUJIJI RUBYIRUKO

ABAKINYI

MAHORO : Ni umugabo w'igikwerere, akunda igihugu cye cyane
Yumva yahora akirwanira ishyaka

NYINAWABANA : Ni umugore wa MAHORO, akunda abana cyane, yifuza ko aba abyaye bose bagana ishuli bakajijuka.

UMUTESI : Umwana wa MAHORO wiga mu mashuli abanza

BITWENGE : Umwana wa MAHORO yiga mu mashuli y'imyuga

NGARAMBE : Umwana wa MAHORO arangije amashuli makuru

KANAKUZE : Umwana wa MAHORO ntaratangira.

UMUHOZA : Ni mukuru w'abo bana, yashatse muli prefegitura atavukiyemo.

MAZINA : Ni umwalimu mu mashuli y'imyuga, akaba n'inshuti y'umulyango wo kwa MAHORO.

KAMANZI : Umuturanyi wa Mahoro afite umugore n'abana benshi b'indahekana.

UMULISA na KABERA : Impuguke muby'ubuhinzi n'ubworozi niba Moniteurs Agricoles.

MATABARO, BULIKOKO na KANGABE : ni bamwe mu bagize Koperative yitwa "Koperative TERIMBERE".

---

IGICE CYA MBERE

MAHORO, NYINAWABANA, UMUTESI, NGARAMBE: Iki gice kirakinirwa kwa MAHORO mu ruganiliro, ni mu kagaroba balimo baraganira.

MAHORO

Bana banjye, ubungubu mujye mumenya ko mbabyaye, mujye munyubaha kandi munyumvire. Dore na Nyoko nguwo arashaje mujye mwitonda, mumenye ko tuli ababyeyi banyu. None rero shahu Ngarambe, ntuzishinge ifaranga ly'akazi ugiye kuzabona, ahubwo uzagakore neza uteze igihugu imbere, niyo mpamvu ujya wumva ngo urubyiruko ni mwe Rwanda rwejo.

NYINAWABANA

Yewe!! Abana b'ubu sinakubwira! basigaye bareba ba se na ba nyina ahali bakagirango barareshya. Cyakora Dawe si bose, nubwo ngeze mu zabukuru, ndabashima ntimwadutengushye. Twarabareze none ubu turabyina tuwamo ahasigaye namwe nimuturerere. Baca umugani ngo urukwavu rukuze rwonka abana barwo. Cyane cyane wowe Ngarambe agafranga uzajye utoza niko kazadufasha aliko kandi ukibika n'ilyo so yakubwiye ko u Rwanda rugomba kuzamurwa nawe.

MAHORO

Cyose Mwana wa, nubwo warangije, ntabwo nzi diplome wabonye iyo aliyo, njya numva bamwe babaha akazi koroheje nk'ubwalimu ngo bazagume bazamuke babone akandi bakanga ngo ntibagiye kwilirwa batoba ingwa, ngo barashaka ako mu biro, ese mwese mu biro abatarabigeraho bigishwe na bande?

NGARAMBE

BABYEYI banjye mwarambyaye murandera, ni mwebwe nkesha ubu burere mfite, ndetse nayo mashuli yose. Ntabwo rero nakwirengagiza ngo mvuge ngo warandeze ahasigaye ndifashije. Oya, tuzaguma gufatanya kuko n'Umukuru w'Igihugu ali byo ashaka. Ngo yanga ibyomanzi ngirango muhora mu byumva. Ntabwo ubwalimu alibwo nigiye, amashuli nize ni ay'ibyerekeye ubuhinzi n'ubworozi, ubu ndacyeka ko bashobora kumpa akazi k'ubugoronome cyangwa se nkaba veterineli.

NYINAWABANA (aseka)

Niko se mwana wa!!! mbega mbega!! bulya bwose ushobora kuba angurunombe uzi ko naba Ntomboye kubera ko urubyiruko uyu mwaka rwakoze za koperative. Ubu rufite ibikorwa,ntiwajya ujya na kure, nabonye akabande kose alibo bagakoreramo.

UMUTESI

Jyewe iyo mbona imbaraga urubyiruko rufite uyu mwaka birantangaza. Rwumvise ko ali umwaka warwo maze narwo rushaka kubigaragaza koko. Ese Ngara, nkawe ko wize ukaba uzi byinshi, buliya urabona ziliya mbaraga zigamije iki?

NGARAMBE

Ahaa!! ese nawe ntubizi? ubwo ku ishuli ntabwo umwalimu arabanyurilamo ko haliho amarushamwa y'urubyiruko muli uyu mwaka ali ugushyira hamwe bagahinga.
N'indi myuga yose ishobora gutuma igihugu gitera imbere.

NYINAWABANA

Ese niyo mpamvu nsigaye mbona n'abatali bazi guhinga barahagurutse.

UMUTESI (atangaye)

Eh!!! Ubanza nali geze kumva umwalimu abidusomera uretse ko ntabyitayeho.
Ndetse ndumva yaranatubwiye ngo tuzakora irushamwe ryo kwandika, cyakora ntarabisobanura neza.

MAHORO

Ubwo se kwandika ntimwatsinda mwese? Hali utazi kwandika se ?

UMUTESI (aseka cyane)

Arewee!! aho ntimugirango ni ugufata ikaramu ukandika!! oya da, ni nko guhimba ibintu ukulikije uyu mwaka w'urubyiruko. Nizeye ko Ngarambe waminuje azamfasha kubikora.

NGARAMBE

Umva bwa bucucu bwe, ugomba kubikora ku giti cyawe kugirango nawe urebe aho abwenge bwawe bugera, ugoma gukulikiza ibyo wumva, ibyo ubona ndetse n'ibyo wiga, ubundi ukabona aho uhera.

NYINAWABANA

Aliko abantu b'ubu bose bashaka ko bamenya ikintu bonyine, ko uwo ali mushiki wawe, ubimukoreye agatsinda ntibagirango niwe wabyikoreye. Ubwo se ibihembo yabona si nk'aho ali wowe waba ubibonye? Ntuzi ko umurusha ubwenga buhanitse ? Kera ma!! uzamukorere nawe arebe ko hali icyo yabona.

IGICE CYA KABILI

MAZINA, BITWENGE, MAHORO

Mazina avuye kwigasha azanye na Bitwenge agiye gusubiza Mahoro.

MAZINA

Mwiliwe bene urugo (baceceke)

BITWENGE

Ubwo ali abaha barakubana n'imilimo ntibumva (ahamagare)

MAHORO

Mbega mwiliwe, ntitwali twumvise ni mukomeze muze dusuhuzanye.

MAZINA Atambuke aramukanye na Mahoro muraho neza.

MAHORO

Mbega uracyabaho mwana wa wiliwe nawe sha Bitwe (amusuhuzena Bitwenge amwikilize)

MAHORO

Nimuze mu nzu mube muruhuka muba mwiliwe ku kazi.
(Balicaye bose batangira kuganira k'ubufatanye babona mu gihugu cyabo bagira n'icyo babamugaho

<u>MAHORO</u>

Mazina rero ubwo uli umwalimu, ukaba ujijutse kurenza twe, nkaba mpora numva kuli radiyo ngo dufatanye, aho si njya mpumva, ni ugufatanya mu byerekeye iki ?

<u>MAZINA</u>

Gufatanya bavuga ntabwo ali ugufatanya kubililimba gusa ahubwo ni ukugirango buli muntu wese yiyumvemo ko akwiye guhaguruka agakorera igihugu cye; cyane cyane urubyiruko, uzi ko kuva kera halimo amashyirahamwe, abantu bishyira hamwe bagakora igikorwa kigaragara ku bulyo nawe wakibona, ukabona ko bifitiye akamaro kanini igihugu ndetse n'abagituye.

<u>MAHORO</u>

Ubwo se nk'akamaro k'ilyo shyirahamwe ni nka akahe. Mbona urubyiruko rw'ino rwose rwarahuruye ngo rugiye muli sosiyete, nibyo shyirahamwe lya bose. Jyewe sindasobanukirwa rwose.

<u>MAZINA</u>

Dore uko byifashe : abantu bajya hamwe uko bangana, ababishatse, baba benshi, cyangwa bake kuko n'abandi bakomeza kujyamo bakiyongera, noneho bakiyemeza bati: dushyire hamwe dufatanye dukore iki n'iki, Imilimo iba ali myinshi noneho bagahitamo uwo baruzi bashoboye kandi bazi gukora bose, kwaba ali uguhinga, kubaza, kubaka, kudoda, gucura n'indi myuga bashobora kuba bazigukora.

<u>MAHORO</u>

Ubwo se ko umbwira ngo bashobora gufatanya bagahinga, umulima bawukurahe.

<u>BITWENGE</u> (aseka imbavu zende gukaka abandi bareke kuvuga barebe ibyo yigira).

<u>MAHORO</u>

Umwana wanjye afashwe he? Aho si uko yaje ntibamurebere icyo kulya ye babawe!! none ntiyaba inzara imurabitse ? ubaye ute sha Bitwe?

<u>BITWENGE</u>

Ntangajwe no kumva ngo imilima bahinga ivahe? Ubona utagira aho uhinga ukagirango Leta yo irashonje ?

<u>MAZINA</u> (ahaguruke)

Yampaye inka Rutagarama twataramiye umwami. Icyo nicyo cyagusheke je bigeze aho?

<u>MAHORO</u> (yiyamire)

Rudatsikira tulilimba amahoro, bigusetsa bigeze aho? N'ubundi uracyali umwana ntuzi ko ushaje ubwenge yahoranye buba bumaze kumushiramo, ngaho rata komeza unyibwilire.

<u>MAZINA</u>

Imilima haba hali nk'ahantu ha Leta nk'uko umuhungu wawe abivuze, noneho bamara kubyiyemeza, Leta ikahababaha, bagatangira bakulikije uko bangana.

<u>MAHORO</u>

Ibyo bahinga se, imbuto baba bayihawe na Leta cyangwa barayishakira?

<u>MAZINA</u>

Iyo biyemeje ko bafatanya, ntabwo ali ugukina, barafatanya koko, bakora ku bulyo imbuto bayishakira yenda bagatangira bahinga ibitagoye bityo bakazamuka.

<u>MAHORO</u>

Yego ibyo ndabyumvise kandi ndabishimye, ko wigeze kumbwira ngo bibagilira akamaro, ngo ndetse bikagilira abandi, aho sinabyumvise, bigenda bite?

MAZINA

Urumva ko bose baba biyemeje gufatanya, nta kulyamirana ubunebwe barabujugunya n'uwali wali ubufite akabwikuramo noneho bakagira amategeko bishyiliraho ubwabo bagomba gukulikiza.

MAHORO

Umbabalire singuciye mw'ijambo nagirango ubwire amwe muli ayo mategeko

MAZINA

Amategeko ntabwo amashyirahamwe yose ayahuje; ubwabo nibo biyumvikanira, aliko nk'ayo nashoboye kubona, bashyiraho itegeko ly'isaha bagomba gutangiliraho ukererewe bagateganya igihano agomba kubona cyangwa uwasibye nta mpamvu, bakabyumvikanaho bakabyemera, ikindi nabonye iyo ali benshi bamwe bazana imbuto abandi ifumbire, n'imyaka yakwera hakavamo abasarura n'abagulisha; ayo mategeko yose ugasanga atuma bahumeka neza nta bulyamirane.

MAHORO

Urakoze kunsobanulira uko ubyumva, ngaho komeza aho wali ugereje.

MAZINA

Ndacyakubwira akamaro ka ya mashyirahamwe, kuko baba bagitangira, batera nk'imyaka izera vuba, kugirango babone uko bakora neza bifashishije udufranga babonye mbere. Batera nk'amashu, uzi ko yera vuba, bayatera kijyambere, yakwera bakayagulisha ku giciro gito, abaturage bo muli ako karere bakihahira neza.

MAHORO

Ubwo ndumva ushaka kumbwira ko abo muli ako karere bagula imyaka yeze ku giciro gito bikaba ali byo kamaro kabyo.

MAZINA

Ndumva utangiye kubyumva, urumva ko niba ikiro cy'amashu cyaguraga Frs 20 noneho bakakigulisha amafranga 15 nta kuntu nawe wajya guhendwa kandi uruzi ahahendutse, nabo kandi hali ubwo beza byinshi amafranga yabo akaba menshi, bagafatamo n'imyaka yeze bakigabanira, icyo gihe amafranga urugo rwali gusora rugura ibilibwa rukayazigamira undi munsi.

BITWENGE

Ese bulya nk'amafranga babikuramo, akoreshwa ate? Abikwa na nde?

MAZINA

Ese sha? Bulya nawe ntujya ubimenya kandi ali wowe ukwiliye kubyitaho? Mbere ya byose baba balishatsemo abantu bakuru, si ukuvuga mu myaka ahubwo ni abantu b'ingira kamaro baruzi bazabafahsa. Batora umwe ubasumbya ubushobozi bakamwita Président, n'undi umwungililije bita Vice-Président amusimbura iyo adahali; bagatora uzajya abika ibintu byose, ndetse bishobotse n'amafranga. Bakareba n'undi ugomba kuzajya yandika ibyo bakoze byose n'ibyagulishijwe, n'umutungo bafite n'ibindi.... Hali n'ubwo bashobora kugira umumararungu nk'igihe barangije gukora, bakagiraka animation ko kwishimira ibikorwa byabo.

MAHORO

Hali aho numvise uvuga Président kandi Président nzi ko ali umwe mu gihugu, nuwo w'igihugu utegeka nayo mashyirahamwe?

MAZINA

OYA Musaza si uko wabyumvise nabi, ngiye kuguha urugero kugirango ubyumve, nk'uko hano mu rugo ali wowe utegeka, ubwo uli prezida iwawe, udahali umugore aragusimbura akaba vice-prezida nizeye ko noneho usobanukiwe.

MAHORO

Nasobanukiwe aliko sinibaza ukuntu umuntu ubika amafranga atayilira cyangwa ngo nabona amaze kugwira ayahakane.

MAZINA

Bagomba kuba bamwizeye, aliko iyo amaze kuba menshi, bajya kuyabitsa mu ma banki ahagareye noneho ayo basizebazajya bakenera wawundi akaba aliwe uyabika, nawe aba yarabyemeye ntagomba kubahakanira.

MAHORO

Nshigaje kumenya maherezo yabo, nk'ushatse kuvamo, abonye nk'umugabo cyangwa umugore, nk'ubwo abigenza ate?

MAZINA

Urumva ko aba afite impamvu zimukuyemo, bareba uko yahoze bakaba bamuha nk'amafranga amushimishije cyane. Bitwenge yigeze kumbaza amaherezo ya mafranga, bayakoresha ibindi baruzi by'ingirakamaro, ndetse bakanayagabana, umuntu akabona umushahara mwiza akikenura uwaretse kubungera bikamuviramo inyigisho rwose.

BITWENGE

Ibyo cyera ntibyali biliho cyane, aliko ubungubu ho biratangaje cyane, niba ali ukuberako uyu mwaka ali uw'urubyiruko? Mbona urubyiruko rwarakangutse, icyakora nanone akamaro mbona mo bituma abali ibirara bacogora, cyangwa abadafite akazi ntibihebe ngo bicare hasi.

MAZINA

Buliya rero uzaba ureba mu minsi ili imbere, ibihingwa bizaba bimaze kugwira hilya no hino, inzara zibe zirashwawe usange igihugu gikize bitewe n'abana bacyo.

BITWENGE

Aliko se buliya umwaka nurangira bazakomeza? Yenda ko babikora kugirango bazahembwe.

MAZINA

Nibamara kubona akamaro ntabwo bazabireka ahubwo uko imyaka itaha niko bazagenda barushaho.

MAHORO

Agahinda nali mfite karashize, nali narayobewe uko gufatanya mpora numva, nizeye nzajya ngira inama urubyiruko nzajya mbona rwandaraye.

MAZINA

Ndabona bwije kandi inzira iracyali ndende, ngo halyoha ibiraye, reka nkomeze ngende n'aho ubutaha.

(Mahoro amuherekeze, nibagera hilya gato amusezereho anamushimira hanyuma agaruke).

## IGICE CYA GATATU

BITWENGE, MAHORO, NGARAMBE, KABERA, UMULISA.

Umutesi azane ibilyo ku meza bafungure, igihe balimo balya baraganira bimwe mu byo Mazina yababwiye, Ngarambe nawe aravuga iby'akazi ke kuko yabonye ak'ubugoronome.

MAHORO

Sha bana banjye, dore uko ngana uku ndashaje, aliko ndababwiye ngo muzanyubahire Mazina, dore ansobanuliye ibyo ntali nzi kandi ntali kuzamenya, cyane cyane nkawe Bitwenge yigisha ujye umwumvira muli byose, nawe kandi Ngarambe nimujya muhura ujye umuha agacupa.

NGARAMBE

Ugize ngw'iki ? Ubwo se agacupa nkamuha aliwe wayakoreye cyera najye ntangiye uyu mwaka ufite menshi uwaha undi ni nkande?

BITWENGE

Hora ceceka, uzajya ugenda nusanga umuhinzi utarakoreye kawa umuce FRS 200 ubwo uyamire, utiliwe utegereza ko ukwezi gushira ngo uhembwe, naho we azahora ategereje ukwezi, azajye ayaca abanyeshuli se ?

MAHORO

Umbaye kure mwana wanjye, cyakora nguhane, uzajye wilinda gusinda ujye ugareranya ejo utazasinda ugakora amarorerwa kandi ali wowe ukwiye gutanga urugero mu bandi.

NGARAMBE

Aliko ye uwabaha akazi ka Leta umunsi umwe ngo ndore, iyo ruswa muvuga jyewe ntayo nshaka, nzakora akazi kanjye uko ngashizwe ubu ejo nzajya gusura amashyirahamwe ali mu karere k'ino, urumva ko ngomba kureba ibyo nshyinze, reka njye no kwilyamira ngire igihe ngendera.

(Bahaguruke basenge hanyuma bajye kulyama).

Mu gitondo Ngarambe ajyane na ba Moniteurs agricoles agiye gusura Koperative yitwa TERIMBERE baragenda baganira.

NGARAMBE

Ese abo bantu mubona koko bakwiye ibihembo ? Barakoze cyane ?

KABERA

Uraba wirorera, barafite ubworozi boroye inkwavu, ihene n'inkoko mu buhinzi bafite umulima wa Ha 30 igipande cyimwe hahinze imboga z'amoko yose, ikindi ni ibihingwa ngandurarugo bindi, ndetse nasize bashaka guhinga n'ingengabukungu.

UMULISA

Rwose usanga ntacyo bakennye balifashije cyane, kandi no muli ako karere barabyishimira kuko babahahira neza.

NGARAMBE

N'uko ni byiza ubwo ngiye no kuhagera nkabyirebera, aliko se ntimwamenya nk'umutungo baba bafite ?

KABERA

Uko twasize ungana se ubwo niko waba ukingana kandi buli munsi aliko bagalisha imyaka iba yeze? Duheruka yo batubwira ko muli banki bafite ibihumbi 60. Bo ngo bifitiye 15.000 bakoresha, urumva ko tutamenya ibyo bamaze kugira noneho.

NGARAMBE (atangaye cyane)

Ahaaa!! Ko numva bateye imbere cyane ? Ubwo se bangana iki ? Ntimwamenya nk'umubare wabo ?

UMULISA

Reka ndebe aho byanditse ntakubeshya (arambure arebe) bose hamwe ni abantu 50, batangiye ali 15, kubera uyu mwaka w'urubyiruko haziramo n'abandi.

## IGICE CYA KANE

Ngarambe na bagenzi be bageze muli Koperative balimo baramukanya nabo bahasanze barangije baraganira.

NGARAMBE

Nishimiye kuza hano kugirango ng nire namwe mungezeho ibyifuzo byose, kandi mbaje no kubashimira ubutwali mwagize kugirango mwishyire hamwe, mugire igikorwa kigaragara.

KABERA (abwira abo bishyize hamwe).

Mwemeye gushyira hamwe murafatanya kugirango muzamure igihugu, twakomeje kubasura, nyuma tubona ko ali ngombwa ko n'Agronome mushya yanyarukira hano, nguwo yiyiziye, ahasigaye ni ahanyu nawe.

MATABARO

Murakoze Bwana Kabera, nk'uko umaze kubitubwira turagushimiye kuko utugejejeho uwo twifuzaga, twishyire twizane twizere ko yaba atuzaniye amatwara mashya yagira icyo atwungura ku bikorwa byacu.

NGARAMBA

Rubyiruko rero nongeye kubashimira kubera umwete mwakoranye ibi bikorwa ndeba, ndetse nibyo ntarabona. Ngirango najye muranzi uretse ko ntaramenyeranamwe. Ndacyali mushya kuko nsimbuye Karekezi uliya. Ntabwo nje gukuraho amatwara ye ahubwo nje kuyashyigikira nongereho n'andi. Nimukomere tuli kumwe kumwe, nzageragezaku bafasha uko mwifuza.

(Bose bamuhe amashyi y'urufaya).

BULIKOKO

Murakoze cyane kubona mwaje kutugenderera, twongere kubashimira, tubahaye n'andi mashyi.

(bayakome)

NGARAMBE

Ye, mutantindije mba mfite akazi kenshi, nagirango munyereke ibikorwa byanyu byose. Aliko se ko numva navuga abahungu gusa, aba bakobwa banyu ni ugutinya cyangwa ni ubwitonzi, ntimuzi gusubiza ba militante mwe ?

KANGABE

Oya, ntabwo ali ugutinya, mutirengagije ko igitsina gore kitafata ijambo kandi abagabo bahali, twagirango aba basaza bacu babanze bavuge noneho tugire aho duhera.

NGARAMBE

Nahoze ngirango ni ugutinya, ngaho nihagire abaza kunyereka ibikorwa byanyu bindi, ndabona ntali bunahazenguruke ngo mparangize, muzi, ko ikibaya cyose mwakifatiye!

(Mubishyize hamwe havemo abantu 10 bajyana n'abo bashyitsi kubereka ibikorwa, abandi bajye gucukura imilingoti ngo barwanye isuli mu milima yabo).

BULIKOKO

Uyu mulima twawuhinzemo amashu ngaya murayareba, tuyahinze vuba amaze ukwezi, ubundi nizo mboga twahinze tubona ino alizo bakunda cyane.

NGARAMBE

Ko nduzi se mwibanze cyane ku mashu na karoti, n'ubutunguru, ntimutere za mboga za persili, epinari n'izindi zikundwa n'abazungu ?

KANGABE

Impamvu murabona ko ino nta mujyi twegereye, niyo mpamvu twahinze iz'abaguzi b'ino bashobora kugura.

.../...

NGARAMBE

Yego ndabyumvise, bulya mujya guhinga ikintu mufite ibyo mukulikiza ? Uretse ibyo abaguzi bakunda, ubundi mureba iki kugirango murebe igihingwa?

MATABARO

Tubanza kureba ko muli ako karere bazagura icyo gihingwa, ubundi tukareba ubutaka gikunda uko bumeze, tukanareba ko nta ndwara zafata icyo gihingwa, kandi tugomba guhinga imbuto z'indobanure.

KABERA

Ni ngombwa se kureba indwara kizarwara ? Ndumva icya ngombwa ali ukureba uko muzarwanya indwara kiramutse gifashwe.

KANGABE

Ibyo nabyo tubigeraho aliko cyane cyane twibanda kuli izo ngingo.

NGARAMBE

Ubu se aya mashu ateye ku zihe ngero ? Mupfa gutera gusa bya giturage cyangwa mukoresha ubulyo bwa kijyambere ?

BULIKOKO

Dukoresha ubulyo bwa kijyambere. Aya ngaya ateye ku ngero za cm 60 hagati y'imirongo na cm 60 ku murongo. Naho karoti ni cm 30 kuli cm 30 impande zose.

NGARAMBE

Ubwo se izo ngero muzibwirwa n'iki ? Munambwire n'impamvu mudahinga nko mu giturage, mugahinga ku mirongo, murabona ali byo biboroheye, cyangwa ?

MATABARO

Ingero duha ibyo bihingwa tuzikura nko mu dutabo tumwe na tumwe tubona, tulimo n'igihingwa, noneho kitatugoye ku gihinga tukagihinga. Duhinga ku mirongo kuko twabonye bitadutwara imbuto nyinshi ndetse n'ifumbire, kandi umusaruro tubona tubona uruta uwo guhinga ibirundanije.

NGARAMBE

Ubu se ifumbire mushyiramo muyivana he ?

MATABARO

Kera tugitangira twayikuraga imuhira cyangwa tugakoresha bwa bulyo bwo kubona iturutse ku byatsi none ubu amatungo arayiduha ihagije.

NGARAMBE

Murabona mwifashije nta bikoresho muzakenera mu bikorwa byanyu ?

BULIKOKO

Dukeneye ibivomesho kuko ibyo dufite bimaze gusaza, ubundi mushobora kudushakira nk'ingorofani kuko ibishingwe tubitwara mu dutebo ntitumare kabili, binashobotse mwaduha n'ibindi bikoresho mwabona bidukwiye, mukaduha n'ibitabo twaguma kwihuguliramo.

NGARAMBE

Niba ali ibyo birashoboka, natwe tuzajya tuguma turebe ibyo mukeneye, uretse ko n'ubundi mwifashije. Tujye no kureba ubworozi hanyuma ngende.
(Muli bamwe basigaye havuyemo abajya gutunganya aho amatungo ali no gukora ibikenewe uwo munsi ku matungo, bishimiye rwose agronome).

NGARAMBE

Mwiliwe (baramwikiliza) koko ni mwe muzi gufatanya, cyakora ubwo butwali nongeye kububashimira muzabukomeze.

KANGABE

Ntabwo ali cyane, aliko uko mbibona nidukomeza gufatanya gutya, bizatugeza kucyo twifuza.

UMULISA

Ubwo se icyo mwifuza ni iki ?

KANGABE

Tulifuza kugera ku majyambere, turashaka rwose ko igihugu cyacu nacyo cyazamuka, kizamuwe n'imbaraga zacu, ubwo urumva tutaba dukoze se ? Amaherezo natwe tuzashyikira bya bihugu bikize.

NGARAMBE

Ubu se ko hano mparuzi ubworozi bw'inkwavu, inkoko ndetse n'ihene ubu ngubu muzigabulira gute ? Mbese muli make uko mubigenza, kandi aliko no mu buhinzi muhakora.

BULIKOKO

Turafite amakipe, bamwe bakora mu bworozi icyumweru cyashira bagahinduranya n'abandi bakajya mu mulima, no mu mulima naho haba amakipe, abahinga, ababagara, abasarura n'ibindi aliko nabo bahora bashimburana kubulyo nta balyamira abandi.

NGARAMBE

Mu bworozi bw'inkoko ni kuko zimwe zili ukwazo izindi ukwazo ntimushobora kuzivanga ?

BULIKOKO

Impamvu tutazivanze, izi ni ubwoko butera amagi gusa, tukayagulisha cyangwa tukayalya, ntizibyara, iyo zishaje ziralibwa cyangwa zikagulishwa. Naho izo zindi ziratera, zikabyara, bityo zikororoka.

.../...

NGARAMBE

Murabona mwunguka cyane mu bikorwa byanyu ?

KANGABE

Turunguka cyane, izitera zitera mu munsi kabili kandi igi tukaligulisha amafranga 10, ziliya zororoka twatangije inkoko 5, none ubu dufite inkoko 50, nabwo kandi duhora tuzigulisha.

KABERA

Ntimwambwira ibyo muzigabulira ?

KANGABE

Tuziha umuceli, ibishishwa by'ingano n'ibya soya, tukazisera amagufwa n'ibindi bilibwa byose zikenera turazizibiha.

KABERA

Inkwavu zo ku nduzi mu kazu halimo rumwe cyangwa se ebyili buliya si ukwitubiliza ibiraro ntimwazivanga ?

BULIKOKO

Ntabwo ubwoko ali bumwe kandi aho mwabonye mo rumwe ruba ruhaka, tukarushyira ukwarwo ngo izindi zitaruhutaza.

UMULISA

Iki kibati kiravuga iki kili ku giti cyubakiye inzu y'inkwavu ?

MATABARO

Gitangira imbeba zose zishobora kwulira ngo zijye gufata inkwavu.

NGARAMBE

Muzi ubwenge cyane da ! ese murabona mu bworozi ikibafitiye akamaro kanini ali iki ?

MATABARO

Byose ni uko, ziliya hene abantu baza kuzishakaho icyororo ngo ni nk'inka, bakagomba kuduha amafranga, byose bilinjiza buli munsi.

NGARAMBE

Numvaga nkeneye kumenya umubare w'amafranga mwaba mumaze kugeraho, ese ubu si agashali da ?

MATABARO

Ntabwo ali menshi aliko nanone si make, mu bworozi turafite ibihumbi 40 mu buhinzi ibihumbi 60, ayo ni ayo twabikije, ubundi ayo dufite dukoresha yaba agera nko kuduhumbi 120 kuko imisago tutayibara.

.../...

NGARAMBE

Aho ibyo twavuze byose wabyanditse Umuli ?

UMULISA

Ndibwira ko ntacyancitse.

NGARAMBE (bose hamwe bongeye guhira, arasezera ngo agende).

Nongeye kubashimira kubera ibikorwa byanyu maze kubona; nanjye nzabashyigikira, muhumure ibyifuzo byanyu byose tuzajya tubyakira bidatinze, ahasigaye nagira ngo mbasezereho, mbamenyesha ko nzagumana namwe mbashyigikira mubyo mwiyemeje nimukomeze murusheho gutera imbere.

IGICE CYA GATANU

(Iki gice kirakinirwa kwa MAHORO, ni ku cyumweru, UMUHOZA yaje gusura iwabo, baraganira ibyerekeye amajyambere y'igihugu batuyemo).

UMUHOZA

Muraho yemwe aba hano

NYINAWABANA

Nta muntu uvugiye mu rugo ra ?

KANAKUZE

Ntabwo ndareba uwo ali we aliko ndumva avuga nk'Umuhoza (asohoke ajye kureba)
Eh !!!
Muraho abo muli Butare (baramukanye bahite binjira mu nzu, aramutse se na nyina na barumuna be maze yicare).
Nta marwa se muturusha ko ino yenda imvura igwa ibintu bikaboneka ?

NYINAWABANA

Hora ceceka waya, wabonye muyigusha mugirango Imana twe ntizashyira ikadufasha ikayiduha. Umutesi se, reba aho mu mbere uzane ka gacuma twasengereye asomeho, ese wowe ko utanadutumyeho ngo tube twasengereye kenshi, uraturenganya.

UMUHOZA

Nali nzi ko ugiye iwabo aba yisanze.

MAHORO

Ulisanze rero nawe, ngaho banza usomeho utubwire amakuru y'i Butare.

UMUHOZA (asome ashire akanyota ahereze se)

Amakuru y'i Butare se ko ahora ali meza, mwagirango turashonje ?

.../...

MAHORO

Si iby'umbwira nsanzwe mbizi, amajyambere ubu muli Butare niyo gusa, aliko nino mbona dusigaye tuzi gucengeza Muvoma no mu basaza pe !

UMUHOZA

Mbega wagirango ntahali koko yaranahoze aliko ubu ho n'ibyo nsigaye mbona, nko kubona abantu basiganwa bacicikana ngo bagiye kwiga gusoma no kwandika kandi igihe cyarabarenze.

UMUTESI

Abo si bamwe bita imharanira kujijuka ?

UMUHOZA

Nguko ntubaze, mukarere k'iwacu hafi ya bose usanga bose batangiye kumenya gusoma no kwandika, babigize itegeko ye, ngo uwo bazafata atajyayo kandi abizi ko bibaho azajya ahanwa.

Ese ino ho sinsigaye numva bahali ? Ayo ni yo majyambere ya ruzungu ? Yewe uwapfuye yalihuse.
Ese ababigisha barahembwa ?

UMUTESI

Ino mbona bigishwa n'abantu bali mu mulyango utabara imbabare, cyakora sinzi niba bahembwa cyangwa badahembwa.

MAHORO

Ubwo se n'umuntu utaligeze yiga n'umwaka wa mbere aliga agafata ?

UMUHOZA

Urashaka iki ko mbona abadasiba babishyizeho umwete koko basoma kurusha n'abize ! Reka usanga bafashe utubaho biruka nk'abana, abantu bakuru rwose jye byarantangaje !

UMUTESI

Jye mbona hakwiliye kwiruka abakili bato, umuntu ashobora kwandikira bakisomera badasomesheje, ubwo se nk'abashaje ninde uzabandikira ? atarabandikiye kera kose ?

MAHORO

Ibyo byo hali ubwo umuntu akenera kujya ahantu, agasoma impapuro za ngombwa ze agomba kwitwaza, cyangwa yagera ku byapa akamenya aho anyura, hali naho ujya kwinjira ukahasanga itangazo ko aho hinjira uwambaye ipantaro, nkanjye utayigira rero ubwo nkiroha ubwo ngakubitwa nzira kutamenya gusoma.

.../...

NYINAWABANA

Yewe, uretse n'ibyo buli muntu bimufitiye akamaro da. Uzi kubaho ali nk'inka ! Nimbe n'inka nako.

KANAKUZE

Nanjye reka noye gutangwa jye ndacyanabyiruka, nzajye gutangira byose maze kubimenya, usange ndi umuhanga bayoberwa ibyo ali byo.

MAHORO

Erega nibyo ntubikineho mawe ! ujye unyaruka ufate kamwe ejo ufate akandi, uzajya kwiga uzi aho uhera, cyangwa uzagume aha ujye undagilira kaliya gahushi ubundi kwiga ko ali kumenya gusoma no kwandika, uzabiyoberwa ?

**KANAKUZE**

Arema ! Murashaka kungira nka ba bana bo kwa Mbali batazi aho amashuli aba, ese bulya hagize nk'ubandikira barusomerwa na nde ?

UMUTESI

Have wibabanza, yebabawe !jyewe mbona bibaje cyane, mbega disi ukuntu bameze (yifate ku munwa) ntiwamenya ko ali abantu, babaye ingegera, nta burere nabuke bifitiye. Ikinyabupfura cyo bakirushwa n'ingurube, icyakora papa mujya muganira, muzabagire inama yo kohereza abana mu ishuli. Kandi se amashuli ntiyabaye menshi kubera amajyambere ?

NYINAWABANA

Icyo nkundira uwize ntumuyoberwa, arangwa n'Icyinyabupfura, reka isuku yo wagirango aba yarayivukanye, kubona aba bana bo batanoga kandi amazi atagurwa !

UMUHOZA

Aliko se bulya ntiyigaya, kubona yicaranye n'abantu basa kulya yewe, sinamurenganya, ese we ki ? Aliko ubanza ali ukubura umushahara atanga.

MAHORO

Ubarusha ubukungu se ni nde ? Ahubwo ashaka ko baguma aho bakamukorera, ngo ayo atize abe sibo bazayiga, icyangombwa ngo ni uko bamenya umwuga wo guhinga, abantu bagira ibya mirenge aliko ntibambare neza cyangwa ngo bagure agasabune bakarabe !

**UMUHOZA**

Iwacu ho birakaze abana nk'a baliya ntiwababuza kujya aho abandi bali ngo ni icyo, amajyambere yazanye byinshi da ! urubyiruko rutali ruzi gusoma **rwo** rwabyitabiye bwangu ruhita rubimenya.

...../...

UMUTESI

Uzi umwalimu yatubwiye ngo mbere abatali bazi gusoma bali 57 % none ngo hakaba hasigaye mbarwa !

MAHORO

Ese mwagirango tuzahora mu bujiji cyangwa mu bwigunge, nimuceceke ahubwo ubwigenge bugiye kugira ibyo butuzanira.

NYINAWABANA

KANAKUZE niwe usigaye umbabaje natangira muli uru rugo tuzaba turwanije ubujiji umwana rwose akura uburere mu ishuli, n'imico myiza alibyo.

UMUTESI

Ubu twiga, igifaransa, imibare, ikinyarwanda, ubuhinzi n'ubworozi, ubumenyi bw'isi,aho amashuli yavuguruliwe ubu twiga kubaza no kudoda tukanacura, tutibagiwe kubaka.

MAHORO

Ndabyumvise ayo masomo yose niba aliko uyakulikira koko ndabona yazakugilira akamaro uretse ibyo numvise, ibyo numvise uvuga by'igifaransa, uzajya ukivugana nande se mwana wa ?

KANAKUZE

Ngarambe cyangwa Bitwenge ? Cyangwa wibwira ko hanze hatali benshi bakizi.

NYIANAWABANA

Numvise uvugamo ngo kudoda, nuko nuko wenda wajya unsanira akenda ntarushye njya gutanga amafranga ku badozi, erega nta bitagira akamaro.

UMUTESI

Ubwo se ubundi mwavugaga ko ntabizi ? Ubwo se iyo mubona ntaka amafranga menshi yo kugura ibyo nkeneye mwavugaga ko nyakura hehe ? Si bya bitambaro mfuma ba nyirabyo bakampa amafranga.

MAHORO

Nuko nuko mwana wa, yenda ayo nakugûliragamo ibyo ukeneye nzajya nyagura agacupa, erega n'ubundi amajyambere aracyiyongera.

UMUHOZA

Numvise avugamo no kubaka kandi Bitwenge we yiga mu mashuli abihugukiyemo cyane, ntibizongera kukurushya wubakira aliya matungo cyangwa n'andi mazu umuhungu wawe azabigukorera.

.../...

MAHORO

Hora ceceka ahubwo ndatomboye, nabumbaga ibigigi bikananira none mbonye abazajya babimfasha.

UMUHOZA

Halya kubumba ibigigi ni ukugirango mwubake inzu nziza, noneho aho amajyambere yaziye basigaye ngo bashaka kurwanya nyakatsi.

MAHORO

Ni ngombwa cyane kurwanya nyakatsi, kuvuga ngo amajyambere yaraje kandi ugataha mu nzu y'ibyatsi ufite amaboko ushoboye, urumva ko ali igisebo, nshimye byibura utabona uko abigira da ! Nawe kandi arafashwa.

UMUHOZA

Bafata abantu bakabubakira ku mihanda ku mirongo, noneho aho bali batuye hakaba hanini bakahahinga gusa, ugasanga gutura ku mirongo bibereye amaso, kandi bafite n'ubuzima bwiza, cyakora twese aliko dutuye, nabonye hali icyakwiyongera k'ubukungu bw'igihugu.

NYINAWABANA

Erega n'ubundi ubu biliho biraza, n'ibitaraza amajyambere azabizana, ubwo se urumva atali amajyambere y'ukuli, njya numva balilimba ngo duture ku mirongo kandi ahegereye umuhanda bikanyobera, none ni ibyo, emwe n'abantu koko baliyongera cyane, ubanza hali icyo bikanga mama jye naciye ibyara nibibyalire.

MAHORO (abwira umukobwa we Umuhoza)

Dore ndakubwira ibyo byateye numva ngo ni ukubyara indahekana kandi amasambu ali mato, murageragaze kubirwanya sinzi ko numvise radiyo ibivuga ko hali ubulyo bwinshi bwo kubyilinda.
(asezere atahe, bamuherekeze).

IGICE CYA GATANDATU

NGARAMBE - KAMANZI.

Iki gice kirakinirwa kwa KAMANZI NGARAMBE yatembereyeyo, araganira na KAMANZI, n'umugore we, n'abana bali imuhira. KAMANZI ni umugabo ubyara indahekana cyane, NGARAMBE arashaka kumubyira ukuntu yabyilinda kuko bijabije, icya mbere ngo amajyambere ntacyo ayumvaho, atuye mu kazu k'ibyatsi.

NGARAMBE (ageze kw'irembo arasuhuza)

Yemwe ab'imuhira (ceee) ese ko numva batavuga aho baliyo (yivugisha buhoro) Ab'ikambere balihe ra ?

KAMANZI (alimo ararwana n'amatungo mu nzu)

Yewe uhamagara, ntabwo duheje komeza. Ese ni wowe Ngara, uzi ko utinya nk'utize cyangwa nk'utali umuturanyi ! Ubu se hali aho ubomba guhezwa ?

NGARAMBE

N'iyo ntahezwa se naza nkiroha ntabanje no gusuhuza, naba nkuyeho umuco wa kinyarwanda ngashyiraho uwanjye noneho.

KAMANZI

Koko nibyo umuntu agomba kuvunyisha ngo bamwikilize yumve ko bahali, tambuka xixx ube wisesetse inyuma y'izo hene dore inzu ni ntoya, ese ko uli umusilimu, aho ntizigusiga igisogoroli ?

NGARAMBE

Aliko ni ukubera iki ko nduzi ufite imbaraga ukaba utakubakira aya matungo ngo abe ukwayo, ubwo urabona bitazakuviramo indwara ? Nawe abana benshi kuliya kandi batifashije, ubwo ni iyihe mpamvu koko ? Amajyambere yageze ahandi nawe uhereramo, ese ntunajya mu nama ngo wumve icyo bavuga ?

KAMANZI

Mwana wanjye urandenganya, ni wowe nagira ngaho ngira inama, bigisha kwilinda kubyara indahekana ngerageje kubyilinda aliko byarananiye ubu se jye nashakaga abana bameze gutya ?

(Umugore asohoke mu kumba kagobetse iruhande rw'aho amatungo aba aze aramutse NGARAMBE, ahetse umwana, ateruye undi, n'utundi tubili tulimo kumwirukankaho tulira).

NGARAMBE (abaze umugabo atangara)

Ese ubu umukuru ni uwuhe ko nduzi bose bangana ? Ni impanga cuangwa ni inkulikirane ?

KAMANZI

Barakulikirana uko ubaruzi, ntiwamenya umukuru n'umuto, cyakora simbabajwe n'ibindi, ibizabatunga sinzabibona, akalima kanjye ni agashumi, icyampa ngo nzabone uko nkagabanya yenda bazakura birwaneho.

.../...

NGARAMBE

Reka da ! birwanaho byahe ko baliya usanga ali bo bica amahoro y'igihugu, bamara gukura bajya mu migi ugasanga babaye amabandi n'ibyomanzi kandi mu bica amahoro ibyo bilimo. Mwebwe mubyara abana benshi kandi mudafite aho mubarerera nimwe mwoshya byinshi.

KAMANZI

Ubu se ko nkili muto nkibyara, mwebwe ntimwambwira uko nakwifata, dore nubwo uwo mugore atwite indi nda y'amezi nk'atatu kandi urebe acigatiye, najye mbona binteye ikibazo ni uko nabuze uko nabyifatamo.

NGARAMBE

Jyewe inama nakugira ni uko wajya ujya mu manama cyangwa se igihe ugiye kwa muganga n'ahandi hose ugomba gutega amatwi ukumva inyigisho zerekeye ONAPO, hali uko ushobora kwilinda kubyara benshi, ukajya ubyara abo wifuza kandi ukwiye kurera.

Igihe bakiganira akana gashake gusohoka ihene igakandagire kiture hasi kalire, Nyina aze kureba uko kabaye, utwo asize natwo dusigare duhogera, umugore ameze ate ? asigaye arutwa n'umutwe kimwe n'abana be kubera ibibazo by'abo bana.

NGARAMBE

Ngaho mbwira nka baliya bana, buliya nawe urabona bitaguteye ikibazo, reba bararwaragulika bitewe n'umwanda uturuka aha hali amatungo ndetse n'isuku nkeya ihali, umugore nawe ni uko, umuntu ubyara kabili mu mwaka cyangwa gatatu ntacyo yashobora gukora ahubwo ahora ahuhutwa kandi byose biterwa no kutumvira ONAPO.

KAMANZI

Mu by'ukuli koko nibyo, ahanini biterwa n'ubujiji kandi amajyambere yaraje, najyaga njyana abana kwa muganga bavuga ko bagiye kubanza kwiga nkaba ndebye aho nikinze, inyigisho zarangira nkagaruka, none niba izo nyigisho zifite akamaro kangana gutyo, sinzongera kuzihunza kuko ungiliye inama.

NGARAMBE

Nuko, ngirango urumva ko kubyara benshi biteye ikibazo ku mpande zose z'igihugu, ubu icyo dushaka ni ukwongera umutungo kuruta uko twiyongera kubera ko amasambu yabaye mato. Ubushakashatsi bwashatse ubulyo bwiza abanyarwanda bagomba gukoresha kugirango babyare abo bifuza.

KAMANZI

Ese kuko kera kose ibyo bibazo bitali biliho byo kugabanura imbyaro ?

.../...

NGARAMBE

Impamvu ni uko amasambu yali akili manini kandi ubutaka bwareraga cyane, naho ubu bumaze gusaza kandi ntabwo tunabukoresha uko bikwiye, ndetse hateye n'intambara n'inzara, ibyo byose bigatuma abantu batiyongera, jewe, nta n'amabandi yaliho ku bulyo nta n'uburaya wabonaga, kuko nabwo nutuma havuka abana benshi batagira na ba se.

KAMANZI

Ubwo ndumvise nta nama nzongera gushaka gusuzugura, nanjye byali byaranteye ikibazo, cyakora nongeye kugushimira kuko unyunguye byinshi ntali nzi. Ndashimira n'abashakashatsi mu by'ubuhanga kubona barabonye umuti w'icyo kibazo.

NGARAMBE

Nizeye ko wumvise neza iyo nama, uzagumane inyigisho zerekeye kwilinda indahekana kandi byose wowe n'umugore wawe mugomba kubikorana ubwumvikane kuko mutumvikana ntacyo muzashobora kugeraho.

KAMANZI

Aliko se muli make, muli izo nyigisho ntawambwiramo kamwe ngo nzagire aho mpera ?

NGARAMBE

Uzasangamo byinshi cyane byerekeye ubulyo wakoresha, halimo ubugomba ibiguzi hali n'ubutabigomba, hali n'ubuomba abaganga, HALIHO ubulyo buruhije n'ubutaruhije, ubwo rero wowe n'umugore mugomba kumvikana mugahitamo ubulyo muruzi bukwiye. Ndabona bwije nagirango ngire ngende, inama ni iyo nawe uzagerageze gukulikira inyigisho kandi ukilikize inama zose uzahabwa.

KAMANZI

Urakoze mwana wanjye reka nkugeze kw'irembo.

Amuherekeze amusezereho agaruke iwe.

IGICE CYA KALINDWI

Kirakinwa n'umulyango wa Mahoro, umwaka ugeze hagati, balimo baravuga ubulyo bawutangiye mu mahoro.

MAHORO

Bana banjye ibintu biravugwa bigasubirwaho, nimusubize amaso inyuma turebe ko mu mahoro y'igihugu cyangwa yacu hali icyo twishemo.

BITWENGE

Jyewe mbona umwaka twarawutangiye neza nanubu ndabona bigenda.

KANAKUZE

Ese ko mbona njya kulyama, nkaba mbona byose bigenda neza, andi mahoro ni ayahe ? Nibwira ko ayo ahagije.

MAHORO

Oya, amahoro mvuga si ayo kulya neza cyangwa ibindi, ndavuga amahoro mu byerekeye igihugu no mu turere.
Amahoro, niba aliko n'ahandi byifashe, mbona bigenda buhoro buhoro. Uturere dusigaye twumvikana, amadini nta bulyamirane nkibona, amoko yo sinakubwira.

BITWENGE

Have have wibeshya aho, wirengagije bya byomanzi byamazi ibitoki bya rubanda? Cyangwa usiga urugo yagaruka agasanga barusahuye.

MAHORO

Ntabwo ibyo biherutse da, ubanza byararangiranye n'umwaka ushize, ko ntaho mperutse kumva bataka ?

NYINAWABANA

Uno ntiwaba ali umwaka waba ali uw'amata n'ubuki, najye hali byinshi nabonaga mu yindi myaka ubu ntabona, niba ali uw'urubyiruko kandi rukaba ali rwo rwicaga amahoro sinamenya.

BITWENGE

Erega natwe twisubiyeho, umwaka ushize navaga kwiga nahura n'umuntu nkaba namwasa ibuye, kandi muhohoteye, aliko uyu mwaka, kimwe n'indi yose izakulikiraho, nzagerageza kuyitunganya kugirango noye kwica amahoro. Nizere ko bizarushaho gushimisha abandi ndetse n'Imana.

NGARAMBE

Ntimwibuka amabandi yaherutse kurwanira ku nkambi. Byali byaradogereye buli muntu yigendaho, none buli muntu asigaye yicunga. Amahoro yarasagambye impande zose, yewe uyu mwaka nugende uzaniye byinshi igihugu.

UMUTESI

Aliko koko ndacyatangara, nta muntu ndumva ataka aho uyu mwaka watangiliye, aho ngeze hose baralilimba amahoro, uretse nibyo, na bya birwara ntibigikunze kubaho.

NGARAMBE

Indwara se ko zatinye, ya ndwara y'icyorezo yali imaze gusakara igihugu cyose, abanyarwanda bayiciliye hasi no hejuru bavumbura umuti, ko ahanini yaterwaga n'umwanda se none abashinzwe iby'isuku bakaba baraduhuguye, koko isuku ni isoko y'ibikorwa.

MAHORO

Aho amabandi yangizaga amahoro ntiyakanzwe n'ibihano bikomeye ufatwa ahabwa ?

NYINAWABANA

Oya ye ! mperutse guhura na bya bisimu byali byaraciye ibintu, nsanga bali mu migambi yo kwisubiraho. Yego n'ibihano barabitinye aliko ngo uyu mwaka icyo bashaka ni amahoro. Niba rero ali abazakomeza simbizi.

MAHORO

Turebye mu turere hilya no hino ntabwo bimeze nka mbere, no mu milyango ni uko. Kera umuntu yirwanagaho aliko ubu iyo aburaye ajya gutakira undi akamuha ikimuramutsa. Mu milyango hali harajemo amahali aliko ubu barasabana uko bashaka.

NYINAWABANA

Uretse inzara nduzi ishaka kuza ubundi byali bitunganye, aliko nayo ni uko nta mvura igwa, cyakora tugume dutegere amaboko Nyagasani yenda yayirekura maze amahoro akaguma kwyongera.

KANAKUZE

Ngo inzara ? Ko ntarabona mburarara se ubwo inzara muvuga ni iyihe ?

UMUTESI

Wowe uracyali umwana n'ubundi ntacyo uzi, niba ubona uralira bugacya ugasamura ugirango bose niko bameze. Hali nk'abo twigana usanga basinzira kubera inzara none rero ngo ntayo !

NYINAWABANA

Ngaho ni kaliya gatiba k'udushyimbo na kaliya kagende kadashyitse byabashukaga, buretse dushire maze urore inzara niba utayizi, muzahura umunsi umwe nayo ndayiyiziye ntizagusiga.

KANAKUZE

Bizashira se ibindi bitera, jyewe nizera Imana yo impa none ninoye kumenya ikizantunga ejo, yandemye izi ikizambeshaho.

BITWENGE

Mama ino Mana yawe, sha nzakubwira mu minsi ili imbere ubu ntacyo navuga, buliya se urabona izuba licanye kuliya ukibaza ko iliya myaka uvuga izezwa ni iki ? Erega komeera kuli iyo Mana yawe, uzayisabe imvura naho ubundi ngirango kagiye gushoboka.

.../...

MAHORO

Icyo nshaka ni amahoro hato mutavaho mushyamirana mwigira impagarara cyangwa ubwigunge ngo inzara izatera Imana niyo izi byose, niba bikwiye izadukiza icyo cyago nayo kandi nzi ko igira impuhwe itazadutenguha ibireba.

NYINAWABANA

Ngaho tureke kuyaga iby'inzara ahubwo dukomeze kureba hilya no hino uko amahoro akeye, ese ubundi igihugu kitagira amahoro cyaba ali igihugu bwoko ki ?

BITWENGE

Hali ibihugu mpora numva bihora mu ntambara zidahosha, bidasiba kurwana. Ese nkubwo amahoro yabyo aba hehe da ? Aho uzi ko biba bikize bigahora mu midugararo ?

UMUTESI

Ka Rwanda kacu ni gato keza, nubwo kadakize cyane, ngirango ibindi bihugu bikize ntibyumvikane natwe niyo maherezo, nubwo ali gato kameze neza muli byose, maze mu mahoro yo ukagirango ni ayo bakaroze, cyakora shenge ubanza ali uko badakize, aliko niyo kakira amahoro yo yakomeza akaba yayandi.

NGARAMBE

Ese muko, nawe uzi amahoro y'igihugu bigeze aho ? Nuko mujye muguma kurwanira ishyaka u Rwanda rwacu kugirango rurusheho gutera imbere.

BITWENGE

Nibyo tuzi ahubwo, urabona ko twe tuli injajwa ? Tugomba guhaguruka natwe ntuturebe ngo turacyali bato, baca umugani ngo igiti kigororwa kikili gito, nitudahaguruka ngo dukanguke se, dukangure n'abandi, amahoro azaza ate ?

Iki gice gikulikira ali nacyo kirangiza, turarebamo umuvugo BITWENGE n'UMUTESI bahimbye maze bamaze kuwunoza bawubwire ababyeyi babo bali mu kiganiro cyerekeye amajyambere y'uruhare rw'uburezi n'umuco mwiza uturuka mw'ishuli, ndetse n'amashuli yabaye menshi si nka mbere, none umubyeyi wese wumva icyo gitekerezo cy'abo baha akwiye kwihutira gutangiza abana mw'ishuli.

NIMUNDEKE NGANE ISHULI

Nimundeke ngane ishuli
Isoko y'ubumenyi n'ubuhanga
N'umuco gahuza milyango.

.../...

Nabonye abajya mw'ishuli
Nsanga bafite uruhare runini
Mu majyambere y'Igihugu
Ndetse no mu milyango mpuzamahanga.
Nahise mfatwa n'ishyali
Litali ilyo gusenya
Ahubwo lyubaka segiteri mvukamo
Ligahereza Komini
Aliyo shingiro ly'amajyambere.
Mu kiciro cya mbere
Cy'amashuli abanza
Banyigisha gusoma no kwandika
Kubara ntibabyirengagiza .
Ababyeyi babonye ibyo byose
Bati : "Nimumureke agane ishuli,
Niwe Rwanda rw'ejo".
Mbonye ayo masomo yose
Aliko ajyana n'uburere bwiza
Ndeba kuragira ikamwa sinshire inyota
Ntitange n'ifumbire ihagije aho duhinga
Mbona ntabigurana gukomeza amashuli.
Nanze kwirukira umujyi
Ngo kulikire ibyiza n'amaraha
Nanze kuba kigingi
Nanze kuba umuboyi
Nanze kwirukira aho bahata ibirayi
Bakotsa mushikaki n'imigati.
Nanze kuba umuyaya
Ibyo mbiterwa ko nta mwana urera undi.
Ese abameze batyo
Batagira ibyangombwa
Nibahura n'abajandarume
Bakababaza iyo bava n'iyo bajya
Igisubizo kizaba ikihe ?
Nta kirenze kuba kabwera
Na mwene ngango
Numva bavuga ko igiti
kigororwa kikili gito
Umwana apfa mw'iterura.
Nta kibabaza nko kubona
basiganwa bajya mu mateme
Ndetse bakazinduka gutega
Abitwaliye amasakoshi
N'abafite imizigo biyushye akuya.
Ndetse guca inzugi ntibabikangwa
Bataretse kwica ngo batware
Ibyatunze umuntu n'umulyango we.

.../...

Bikaba byarera imfubyi asize igihe ashaje.
Nimundeke ngane ishuli
Isoko y'ubumenyi n'ubuhanga
Ndebe icyo byabihugu byadutanze.
Ninde washidikanya ko
Umunyarwanda yakora imodoka
Cyangwa indege
Bagatambagira ikirere.
Reka imodoka zo bararukandagira
Zikaguruka nta mababa
Bya bihugu by'ibihangange
Byasanze indege n'Apolo ku mbuga zabyo !
Ntawe ubona ikitamugoye
Natwe nimuze dukoreshe amaboko
Niyo byakoresheje.
Kandi iyo umuntu yanduza intoki
Yakaraba zigacya.
Twese tuzoza akarenge bigende bite ?
Nta ndwara mbi nko gutegereza uguha
Yaba arangaye ukaba wanamwiba.
Ese u Rwanda rugize abagomba gufashwa
Baruta abakora byagenda bite ?
Ndareba ngasanga byaba biteye
Umugayo munini cyane ndetse udashira.
Ntabwo muzi ko ak'imuhana kaza imvura ihise ?
Kandi ngo amazi masabano
Ntamara imbyiro.
HABA k'ubutaka hejuru
Haba k'ubutaka hasi
Ubukungu ni bwose
Kandi tuzabubona
Dukoresheje amaboko yacu
Umukuru w'Igihugu
Ntahwema kubitubwira
Aliyo udakoresheje amaboko ye
Ubukene n'inzara biramwishe.
Amerika na Rusiya
Byaretse gukoresha amaboko yabyo
Aho ngaho uwareba
Yasanga alibyo bishyiziho umwete?
Umukungu ntareka gukora
Aliko usanga umukene yicaye
Ngo azasaba ababifite.

.../...

Ndetse abahanga bazobereye
Muby'ubushakashatsi
Basanze hali byinshi bitaragerwaho
Muli ubwo buhanga aliyo soko idakama
Ese impamvu hataboneka
Abanyarwanda babahanga ?
Nimundeke ngane ishuli
Wenda sinabura icyo nigisha bya bituku.
Abirabura bagiye mu bihugu by'abazungu
Mu gihe cy'abacakara
Ntibakora ibyo bakora !
Nimundeke ngane ishuli
Lyo soko y'ubumenyi
N'ubuhanga budakama.

---

MUKAKARANGWA Marie Francine
C.E.R.A. Nyarunyinya
Secteur KINYAMAKARA
Arrondissement GIKONGORO